CERTAINES DATES AYANT MARQUE L'ENSEIGNEMENT RWANDAIS DE 1907-1954

Ce document présente une chronologie rassemblée par M. Gamaliel Mbonimana. Les dates relevées concernent la ségrégation ethnique dans les écoles rwandaises, tant officielles que privées (des religions).

Le document constate que de ces écoles les Tutsi ont profité plus que les Hutu. La part des Twa n'est pas relatée.

AMWE MU MATARIKI Y'UBUREZI 1907-1954

MBONIMANA Gamaliel

Aya matariki ni ayerekeye irobanura ry'amoko "hutu, tutsi, twa".

1907: Ishuli ry'Abapadiri ry'i Nyanza, ryari ryaratangiye mu 1902, ryarubatswe rirakomeza, ribona n'umuyobozi wemewe, ariwe padiri P. Schumacher w'umudage. Nta robanura ryari rihari, n'ubwo Abapadiri bashakaga ko riba iry'abana b'abatware (kuri bo bikavuga abatutsi): abana b'abatware ntibaryitabiriye.

1913: I Kabgayi n'i Rwaza, Abapadiri bera (Pères Blancs) bafunguye amashuli agenewe Abatutsi gusa. Babigishaga gusoma, kwandika n'igiswahili. Nta nyigisho z'idini.

1914: I Kigali, Abapadiri Bera bari bafite ishuli rigenewe Abatutsi. Baryitaga ishuli ry'intore. Ryahagaze mu 1932 kandi bamwe mu baryizemo babaye shefu na sushefu mu bya 1930-1940.

1919: I Nyanza hafunguwe ishuli rya mbere rya Leta mbirigi rigenewe Abatutsi, ariko akenshi baryitaga ishuli ry'abana b'abatware n'abandi batutsi. Ryahagaze mu wa 1935.

1920: - Urwandiko rw'amabwiriza rwa Minisitiri L.Franck wategekaga Koloni (Kongo mbirigi na Rwanda-Urundi): yanditsemo ko ubutegetsi bugomba kwita ku batutsi; bukabafungurira amashuli y'ubuvuzi bw'abantu n'ubw'inka.

-Mu bya 1920 nyine nibwo Leta yashinze andi mashuli agenewe Abatutsi. Ayo mashuli yashyizwe aha hakurikira: Gatsibu, Ruhengeri, Rukira (Kibungo) na Cyangugu.

Amashuli ya Leta uko ari atanu, mu mwaka wa 1929, yigwagamo n'abanyeshuli 969, bategurirwa kuba abatware, abakarani (secrétaires, interprètes, etc.) n'abalimu muri ayo mashuli nyine.

1924: Mgr. Classe yandikiye Abapadiri b'i Kigali ko bagomba kwita ku mashuli y'Abatutsi kurusha ay'Abahutu.

1925: Mgr. Classe yandikiye ibarwa abapadiri bose bo mu Rwanda abategeka kwita ku mashuli y'Abatutsi. Mu mwaka wa 1928, irondakoko mu mashuli y'Abapadiri ryari rimaze guhabwa intebe. Ibyo bigaragarira muri raporo y'amashuli 1928-1929 yanditswe na padiri Laurent Déprimoz (waje kuba umushumba wa Vikariyati y'u Rwanda), icyo gihe yari n'igisonga cya Mgr Classe. Misiyoni (ni ukuvuga paruwasi) zabyitabiriye cyane ni izi: Kigali, Kansi, Save, Mibirizi na Zaza. Aho hose, bagiraga n'umwaka wa mbere w'Abahutu, bakagira n'uwa mbere w'Abatutsi, kandi hamwe na hamwe Abatutsi bagahabwa inyigisho zisumbye iz'Abahutu.

1929: Ishingwa rya "Groupe Scolaire d'Astrida ". Ni ishuli rya Leta riragijwe umuryango w'abihaye Imana. Ryari rigenewe gutegura abafasha (auxiliaires) b'ababiligi;

Muri uwo mwaka wa 1929, nibwo batangiye kubaka amazu , ariko gufungura imiryango y'amashuli byabaye mu wa 1932. Iryo shuli ryagiye risimbura buhoro buhoro iry'i Nyanza kugeza mu wa 1935.

-Iryo shuli ryigwagamo n'abanyarwanda n'Abarundi. Ryigwagamo n'Abatutsi cyanr cyane, ariko n'abahutu baryemeremo: hari imibare ibiugaragaza kuva mu mwaka wa 1932 kugeza mu wa 1954.

N.B. - Mu maseminari ntabwo bandikaga ubwoko (Hutu, Tutsi,Twa) bw'abinjira.
-Mu mashuli y'Abaporoso ntihabaye irobanura ry'amoko.
-Iby'igihe cy'ubwigenge byo benshi barabizi.